



Sobanukirwa iby'Igihembwe cy'Urugaryi rwa 2026 cy'Umunyeshuri wawe Indangamanota y'Isuzumabumenyi y'Umwaka muri Maine

Igipimo cy'Amanota muri Maine

Imirongo y'amabara, ishushanyije itambitse ku ndangamanota y'umunyeshuri wawe igaragaza igipimo cy'amanota y'umunyeshuri wawe muri Maine. Aya manota apima imikorere y'umunyeshuri wawe muri iri suzuma hashingiwe ku bushobozi bw'ingenzi mu gusoma n'imibare mu mwaka yigamo hagendewe ku bipimofatizo bya leta ku kigero cye.

Isuzuma ryo gusoma mu cyiciro cya 8 ripima ubushobozi nko:

- Kwifashisha inyandiko mu gusubiza ibibazo ku nkuru. imikino, imivugo, n'inyandiko ikubiyemo amakuru.
- Gusesengura uko ibiganiro n'ibyabaye mu nkuru bigusobanurira urukurikirane cyangwa bikaguha amakuru ku bavugwa mu mwandiko.
- Kumenya imitekererezi n'intego by'umwanditsi.
- Gukoresha umutima w'inkuru, umuzi w'amagambo, ingiramagambo, imigerekamagambo, n'imfashanyigisho mu kumenya inyito y'amagambo.

Isuzuma ry'imibare mu cyiciro cya 8 ripima ubushobozi nko:

- Kwandika, gutekereza, no gukemura amahurizo n'amahurizo asobanye.
- Gusobanukirwa ikurikiramuzi ry'ihurizo no kurikoresha mu kugaragaza isano riri hagati y'ingano.
- Gusesengura ibinyampande bya 2D na 3D wifashishije intera, inguni, ibisa, n'ibyo uhuza bigasa.
- Gusobanukirwa no gukoresha Ihame rya Pitagore kugira ngo ubare uburebure bw'impande.

Igipimo cy'Amanota muri Maine gihuzwa n'urugero rw'ibyo Yagezeho aho bisobanura neza imikorere y'umunyeshuri hagendewe kubyo leta imutegerejeho. Urugero rw'ibyo Yagezeho ni Munsu cyane y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Munsu y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Ibyo Leta Imutegerejeho, no Hejuru y'Ibyo Leta Imutegerejeho.

Igikoreshe Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho

[Igikoreshe Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho](#) gitanga amakuru arambuye ku bipimofatizo mu myigire runaka byasuzumwe kuri buri cyiciro n'ibikubiye muri ibyo bipimofatizo mu bushobozi butandukanye kuri buri rugero rw'ibyo yagezeho.



Uko wabona Igikoreshe Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho